D.2 Patrimoine culturel

kubagezaho aho imyiteguro igeze
yo gushyingura mu cyubahiro intwali
y'igihugu

1995

SEP 25 '95 11:17 MINAFFET 00250 72904 TO: 250 83170

[redacted]

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUBANYI N'AMAHANGA
N'UBUTWERERANE
B.P. 179 KIGALI.
Cabinet du Ministre

Kigali, kuwa [illegible]
Nº 694/03.00.1/CAB

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
**KIGALI.**

Impamvu: Kubagezaho aho imyiteguro igeze yo gushyingura mu cyubahiro Intwari y'Igihugu Major-General Fred Rwigema.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Nejejwe no kubagezaho aho imyiteguro igeze yo gushyingura mu cyubahiro Intwari y'Igihugu Major-General Fred RWIGEMA.

Ari mwebwe ubwanyu, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, ari na Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika ndetse na Minisitiri w'Intebe, muramutse hari amabwiriza yihariye mwashaka kuduha cyangwa se ibyifuzo ibi n'ibi, twiteguye kubyakira no kubishyira mu bikorwa.

Mugire Amahoro.

Dr. Anastase GASANA
Minisitiri w'ububanyi n'Amahanga
n'Ubutwererane.

AFFAIRES ETRANGERES ET LA COOPERATION

Bimenyeshejwe:
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulik y'u Rwanda
  KIGALI.
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
  KIGALI.
- Bwana Minisitiri wa Transporo no Gutumanaho
  KIGALI
- Bwana Minisitiri w'Umulimo n'Imibereho myiza y'Abaturage
- Bwana Minisitiri w'ibidukikije n'ubukerarugendo
- Bwana Minisitiri wa Gucyura Impunzi

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUBANYI N'AMAHANGA
N'UBUTWERERANE
B.P. 79 KIGALI.
Porotokole ya Leta.

**Ishyingurwa mu cyubahiro rya Jenerali-Major Fred RWIGEMA, INTWARI y'IGIHUGU**
**Tariki ya 01/10/1995.**

. Umunsi: Ku cyumweru tariki ya 1 ukwakira 1995.
. Ahantu: i Remera ya Kigali, hirya ya Sitade AMAHORO.
. Imyiteguro aho igeze:

1. Gutumira:

Hifujwe ko hatumirwa ibihugu n'imiryango bikurikira:

1. Uganda
2. Burundi
3. Tanzania
4. Mozambique
5. Angola
6. Namibia
7. ANC
8. South Africa
9. Zimbambwe
10. Ethiopia
11. Erythrea
12. Libya
13. Nigeria
14. Hollande
15. New Zealand
16. Chine
17. OUA
18. India
19. USA
20. Allemagne
21. UN
22. Ghana

Ibyo byo gutumira ibi bihugu n'iriya miryango byarakozwe.

Hasabwe gutumira abanyacyubahiro bamwe ku giti cyabo ari bo aba:

1. Julius NYERERE
2. Ambasaderi KEATING (uhagarariye New Zealand muri UN)
3. Rukiya Omar
4. SG/ Pan African Congress
5. Roger WINTER
6. PSLA-GARANG
7. William PIKE
8. RS Gratia-Michaël
9. Mrs SANKARA
10. General MAYUNGA
11. Catherine WATSON

Aba banyacyubahiro bose nabo ubutumire bwabo bwaragiye.

Family ya Major-General Fred RWIGEMA yatumiye abashyitsi bakurikira:

1. Prince Charles Antoine de Ligne
2. Wahbe Atamari
3. David Franklin
4. Richard J.A. Passaportis
5. Amos Nzeyi
6. Lt. Col. Niyonkuru Laurent (Burundi)
7. Mr & Mrs Nkera
8. John Obusu (Ghana)
9. Mr & Mrs Gahiga (Belgium)
10. Sam Engola
11. Mr & Mrs Mukula
12. Frank Mugabe (to invite Villa team)
13. Mr & Mrs Kawoya
14. Mrs Kellen Kayonga
15. Sam Bitangaro
16. Mr & Mrs Rubagumya

Madamu Jeanette Rwigema yatubwiye ko, kubera inshuti nyinshi cyane za Fred ziri muri Uganda, haba ubutumire hakoreshejwe media (Radio, Newspapers...)

2. <u>Guteganya imodoka zo gutwara abashyitsi</u>

Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane yandikiye Minisiteri ya Transiporo no Gutumanaho iyisaba guteganya imodoka za leta 50 (kuzikura muri za Minisiteri n'izindi nzego za Leta zinyuranye mu gihe cy'iminsi ya ngombwa zizaba zikenewe).

3. <u>Guteganya amacumbi.</u>

Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane yandikiye Minisiteri y'Ibidukikije n'Ubukerarugendo kugira ngo iteganye ibyumba 100. Hagati aho Porotokole ya Leta yegereye amahoteli yose ari i Kigali. Amenshi yarabitwemereye uretse Hôtel Méridien.

4. <u>Gahunda y'ishyingurwa.</u>

Gahunda ihamye y'ishyingurwa iracyagibwaho impaka. Igitambo cya Misa cyo gusabira Nyakwigendera Major-General Fred Rwigema, Intwari y'igihugu, kizabera kuri Sitade AMAHORO i Remera imbere y'imbaga y'abanyarwanda n'abashyitsi mvamahanga. Tuzayibagezaho mu minsi ya vuba.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 23/9/1995.

Dr. Anastase GASANA
Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga
n'Ubutwererane.

RÉPUBLIQUE RWANDAISE
AFFAIRES ÉTRANGÈRES ET DE LA COOPÉRATION